

UMWAKA W'URUBYIRUKO KWISIYOSE. 1985

IRUSHANWA Ly. UBWANDITSI.

UMWANDIKO WITWA:

N° traité par	D 6 J	→ DEF
Date entrée:	21/3/85	
N° Classement:	2662/15.84	

WANDITWE Na:

HATUNGIMANA Sitefano w'imyaka 24

Komimi Muganza

Secteur Muganza

Préfecture Butare

ABIYINGOMA.

Abiyingoma dukunda bitatu

Dukunda gufashanya

Dukunda amahoro

Dukunda amajyambere

Abiyingoma muga ni abakunda bitatu

Bafite imyaka itatu gatanu n'itanu gatanu.

Kuli bitatu dukunda gufashanya

Zwabyirutse dufashwa n'ababyeyi

Zurabyiza dufasha ababyeyi.

Dusanga tugomba gufashanya

Dufashanya dushigisha ibishanga

Bibyarwa umutungo uduturze

Dufashanya tudashatse abo iwacu.

Nkanjye gutwa wahahirwaga inganzo

Mfataniye n'abandi kuyibyaza byiza

Kuyibyaza byiza by'inkono

Kuyibyaza byiza byiza mu nkono

Kuyibyaza byiza by'amategura

Ndamabafasha mu bukolikoli bwiza

Sinibagiwe n'ubufatanye mu buorozi

Sogokuru na data balyaga iz'abandi

None mu bufatanye ndya izo tworoze

Sinkitwalira icyo tworamiye nk'abagowe.

Nta byera ngo: de no mu biyungoma
Halimo abanduzza ibara lyacu.
Abo niwowe ushaka kuba Nyakamwe
Ngo: uzalya ibya sokuru nibishira Imara izabyiza
Nyamara ukibagirwa koisanga abashyirahamwe
Wivuga ko balya ari imburamukoro
Imburamukoro ni idakorana nabandi -
Menyera gufatanya n'urundi rungano
Bizakumenyereza umufasha w'urugo.
Umufasha w'urugo muhungu wimuhunga
SO, Sogokuru n'ababo baduhaye urugero
Muhungu w'iwacu nguhe ugufasha ukamufasha
Ni ubiye muviza, muviza mu gitwiza
uzatumaze utura neza ugaturwa
uzasiga agahinda mu nda agaseka
waramutse wasesemye userera
Uzateka inyabutongo intongo zabuze
Hukazitonora amutimuba ubutindi.
Amaboko ye ntazabe ayo guhobera gusa
Azabe ayo gukorana n'ayawe
Mwatabira akibuka intabire ntirare
hwataha agatora udukwi namagezi.

Nabwo bitewe na Ntabajyana icyo.

Muhungu w'iwacu humaga umeze atya:

Bwizo wibagiwe ko buba mu giturza

Uzazanwa no gusemya ntirugemduwe

Muzababazanya ntimubabalirane

Uzabona wakennye akagukenguruka

Yabona ko ali ihoho ntakoreshe amaboko

Intabire ikabura gitera bitewe n'ubute.

Ujyanwa ku ziko n'uko ali ay'inda

Wisukura bigatumama atumva isuka

Musuke hanze ni indishakaramu butwi.

Wizana uyu muhulira kubyagagurana

Kyiramuwaga ukurura urwango mu mulyango

Yazakwangira abawe ndetse n'uye kurahura.

Ntuzifuze ubaho uko utabaho utubayeho.

Muhungu w'iwabuhungu kandi n'uyu:

Uyu usamira omu kinere iby'ahandi

uruga ngo: aho gukenyera aragakonyuka

Yazibagirwa kugutegera urugoli rwera.

Wanga urwagwa n'amarwa ngo bitera munda

Azakunda byeli n'abakuru bayo utazemba.

Ntuzigere uzana uliya wigize umuzungu

Bitewe no gufata ku biyobyabwenge.
Wishakwa winashaka ruhuruwa mu kunywa
Uyu warwaye indwara y' ikinywi
Ejo cyangwa ejombi yakujomba mugirye.
Wazanye uwanga kubaho kimyarwanda
Iyabuze amikoro akorera amajoro.
Wratsembere uwuzitsamura ntakome
Wishakwa semaboko shaka Sebikorwa.
Nyampinga mushiki wanyije wo gahuruwa
Si nkwiifulije kugwa ku gahungu
Nkwiifulije guhungu uwo muhungu
Umuhungu yeho yaguhumira
Ugahora mu rushako rw'urudaca.
Rubwiruko turimenyereze ubufatanye
Kanyarwanda aratubwirira ati:
«Nta mugabo umwe
Nta bwenge bw'umwe
Bagirurwizize.»
O.N.U iratubwirira iti:
Rubwiruko nimubwiririre gufashamya

Gufashanya bituzamira ubumwe

Buzubaka iyi si nziza y'ejo.

M.R.N.D. iratubwira iti:

Gahutu Gatura Gatuto tugire ubumwe

Mu mashyirahamwe yacu yose

Mu bazubaka urwanda imbaraga nizose

Nizishishikaliye kubaka urw' ejo ubumwe.

Abiyimzoma!

Kuli bitatu dukunda amahoro

Amahoro dukunda ni ayanga umuhoro

Amahoro ahinda mu babyeyi n'urubyaro

Aya azatuma tuya ibyacu nta nkomyi

Ayatuma amashyirahamwe asagamba

Urubwiruko rugashimisha ababyeyi

Urubwiruko rukabwirira ababyeyi

Ababyeyi bakarwitaho kuli koho nko ku ruku.

Umulyango ukaba irembo by'amahoro

Amahoro avuye mu mulyango wabo

Azambura no kurenga umulyango

Akagera mu baturanyi babo

Akagera no mu mashyirahamwe yabo
Komini itayugira inayubakiriza
Igihegu kikatayasa gombisha hose.
Amahoro mu urubyiruko umwe
Azaba intwari igihe tuzabyara
Aba uruherezakane mu mbyaro
Nk'amwe y'umuyahudi n'aba ati:
Habayeho amahoro mbasigiyeho amahoro...
Amahoro turugira ni ingero itagereranywa
Kanyarwanda yalibonye yemeza ko:
aho amahoro ari rwisirasira batanu
O.N.U. nayo ntiyimusimye
Ikiyemuriza icyi si y'ezo amahoro
Aramutse abubonye muri twe byazaba amahoro.
M.R.N.D. mu ntego zayo amahoro ni ingenzi
Na Rwanda icyakizeho rwose
Hibita ati: zohabu yacu ni amahoro...
Gukirira ku mahoro nti byibagize gukinga
Kuko hafi urubyiruko rukikingira nyo
Rukayabura abavandimwe n'ababyeyi.

Mu Rwanda ni amahoro turahanga bike
Aya atuma tudahohoterwa rwose.
Ukora muri Hoteli ntatonganye abamusanga
Batumye atuma mu itorero
Ashyikirane yakire abashyitsi
Bashyitse umutima munda bahumeke
Bahumeke amahoro i Rwanda
Bashime urubiyiruko zwi Rwanda
Balye kandi balyame mu amahoro.
Muganga nawe rwana tubarwayi
umurwayi urwaye mu amahoro
Ntajanjanzulika yijajara uru ba
Zwenga twenga n'utwo twana
Zukwizere tukukunde utwishyure
N'ababyeyi ubamenyere ibanga
Bazakuganyire ubake ikigamiro
Bagenzi bawe bakubonemo ingenzi
Bityo amahoro kwa muganga
Aba umuti wa koho z'abarwayi
Mwigisha menya abo bigishwa

Ubwirumwe ko ubuho nk'ingwa imwa irabye ingwa.

Munyamulyango waha na halya
Shyira umurika muriza mu mulyango
Ubakorere icyiza bagushakaho
Bagukorere icyiza ubashakaho
Umulyango usabanye amahoro.

Kubilikali nawe wumusore

Usoretse imbaraga anyinshi

Zo gukomeza abadandabirana

Ukabungabunga amahoro hose

Ukanga urugomo rugomera amahoro

Ugashyira amahane mu amihanda

Byakomera ukayashyira mu Rwanda

Nukorera amahoro tuzagushimira

Na mugenzi mugendana azagushimira

Mukuru ugutegeka azagushimisha

Naze amahoro ulinda tuyahorane.

Munyakazi ulikwiyi gira amahoro

Atuma udahohoterana ngo utohoterwe

N'ukora neza wishimye ugashimwa

Kuko ntaawe uzabera kirogoya

Bityo mwe amahoro abasumbwe

Mubone ubusemyera k'umugenzi umwe

Ugahora uhonda agatoki ku kandi
Kandi abakugana nta mutindi ulimo.
Wanga birambuye amahoro yabose
Kuko ushaka guhora uhombya abahizi.
Ubwu kwikinga akababi mu jisho
Bigasimbuzwa gushira isoni
Ugashira isoni uyu munyarwanda
Utaretse n'uyu munyamahanga
Umusaruro w'igihugu ugatuba.
Kuganga wikwanga abarwayi
Ubajegera kandi atali injeze
Wibasuzumana agasuzuguro
Wibasererera birwalye isereli
Wishakira ikuzo kuburwayi
Kuko bibongerera uburwayi
Umurwayi ubuza amahoro ya koho
Uramutera gutinda koroherwa
Iyo utoroshye antiyoroherwa.
Ukingira kokolishe na tolera
Uwakingira ubwo bugome bwawe

Ukababuzza eppo na ruguru muli byose
Ahal'ubumwe ukashyira ubucakubili
Ahal'amahoro ugakonda agatoki
Abandi bakwishima ugashitiramu nda
Reka ubwo burirasi nububwa burimshi
Bitajya biranga umunyabwenge bwinshi.
Wowe wihaye Imana uki umuntu
Wanga amahoro igihe uruma ugakuka
Niyoye agasuzuguro kabwira ubwumwire
Iby'ubustigi sinsuzuma izo onanza
Wike nguruka abo bakome bagukomeye
Wisuzugura abasigaye inyuma
N'ubwo nawe utagomba gusuzugurwa
Ntuzibeshye nali muwe wibwira:
Ko kwihaye Imana ari nko kwihaye Imali
Witwanga amahoro atangwan'Imana
Tuko uzakirwa mujuru iw'Imana
Ali ugendera mu ukundo w'amahoro.
Amahoro atakabure mu amadini
Tuko byadinutiza amahoro y'isi yacu.

Munyakazi wikaza abo ukoresha
kandi wirakaza ugukoresha
wikorena ijisho korera sobuja

Ibuka ko gukora ari kare cyane
wisohoka ku gasusuruko lyavuye
Abandi basohoka iya Rubika.

Reka Umwiyane n'ubulyalya ku kazi
Bituma batalya neza ngo balyame
Ugatotoza kugirango utoneshwe
Ubwu amahoro ukayababuze

Aho gukora bagahora muri umuryangire
Ubwu akazi ukakazika ku Nyamuzinda.

Ubigize ukili muto mutindi
Ukazagera igihe cy'akabando
Waradondoje mwene Rubanda
Ukandalika Umwanda i Rwanda
Iyi igahomba amahoro oneza
Umusaruro igutezeho ukaba isayo.

Muhingi basanza ugasarura
Uli umusonga usonga amahoro

Ubumuho duhe umuganda urwanda rwacu.
Nitwe benshi turuta ubwimshi uburo
Ntibuzabe bwa bundi butabwira amara
Iuko yaba ari amajyambere rwose
Iandi dukunda amajyambere
Gukunda amajyambere ntibigenda kumunwa
Gukunda amajyambere bigenda mu biturwa.
Ukora umuli hoteli agateka ibyo yeza
Ntazabura kuko bisenyeri igihugu
Akakira kinyarwanda atiganyeho amahungu
Iwagaragaza ukweli bitunganye benshi
Cyane ariko mu byiza bitunganye.
Iujyambere si ukumera ~~nk'abi~~ Niyoriki
Ni ukwiyoroshya ukwibwira kinyarwanda
Ntuyobagize abakugara bakwibwira
Uzaba umunye igihugu aya kubwira
Nikinjira menshi ariyo madavize
Ikiyobagize umu amajyambere.

Amajyambere azadufasha kubaka isi yacu.
Rubwiruko turabyutseho amajyambere
Hu ishyingira muwe turwanye kujyanyuma.
Rubwiruko turwanye ubujiji n'ubujibwe
Intwari ni ugusoma no kwandika
Eurusoma amazi dusome amagambo
Batanzadika ko so yitabye uti ndakunzwe.
Umunyamabanga w'imena ni wowe
Ntuzasomeshye akandiko k'uwukunzira
Wihimba amakuru soma ibinyamakuru.
Ezabwirutse aho turabura
Ntiturabwira mu byali nk'inyoni
Amategura n'amabati ni amajyambere
Amajyambere si icyaduka arasanzwe.
Amajyambere si ukubogora nka Bob
Ni ukumenya gucuranga umuco wawe.
Sino kwibohesha imyambaro yacu
Kwambara ibikwiye ni uguterambere.
Sino kuba uwambere mu ukunywa

Iziko umuvandimwe ubumuraje
Juda igafata k'umugongo yarahinze
Ukarara wegetse imugeze k'ubuce.
Si ugusarura aho utabibye gusa
No kubya imyaka y'umusaza
Utaramusanze mu umushike
Ngo mushigishe ibyo bishanga
Akabona ikimero akabura atamara.

Ntuzibe ni itegeko by'Imama
Ntuzonke imitsi y'andi ni icy'amahoro.
Ku byiruko nti tubahogoye ababyeyi
Juko byazabura mu babyeyi k'ezo
Kaze amahoro agakungu abahungu
Ezagahorana imihoro y'urugomo
Aho gushorana rukumuliza mukinzi
Izihugu tiyagusa bye zikomeje
Kikurizeye kubera uburinghi bwacu
Kandi n'amahoro akaba aya benshi.
Amahoro y'abiyungoma akaba ayabizindi
yo atuma tutishisha abo tubana n'abanywanyi

Munya mulyango wikunda ubulyamirane
Bituma ubya umutungo w'umulyango
Aho musangiyeye ibanga ukabashura.
Witukuranyo ibi by'abatindi
Itike ni inkota itikura umulyango
Haze ubulyamirane bugabwira intebe
Amahoro agahungu icyo nkota itavusha
W'igihugu kizakira uruti rw'umugongo
Umugome akagoma tukagorwa.
Kusilikali wali ingenzi mu urugendo
Witwira omu kigeza cy'amahoro
hyo urubahirizaga ukayahungabanyo
Witwira ubusore mu urusoro
Wikorera urusoro bidasobanutse
Ni nko gusogota umusaza ugusoreza.
Kubabwira bese byisimbura kubabwira
Horana umuhoro uhore ku irembo
Aho wihonda abahomobera
Aho buho ba Serondo na Nsabajoro
Ingufu utenze zitulinde amahane
Haze dukorane amahoro kw'isi yose.

Kuko bugomera amahoro ya twese.
Kwigisha wihonda utwo tubondo
Menya ko urugero rwiza ruruta igitsure
Wibatsiratsiza ubatsindiye
Bagire inama yo kugutsinda
Wibakemurira badakemurira ishuli
Wibashubikanya shuombira kugira.
Kwima umwana amahoro i Rwanda
Uba umuteyemo indwara y'urwango.
Kwigisha wirakalira ibyo bisekeramwanzu
Kera batazabikora bakwitwaje
Ugatumu amahoro abura none n'efo.
Wikorikuzo ku bigisha bakuzo nka so
Urasohotse aho n'ubwo n'ubwo
Cira ubwo bugome n'ubugomerame
Usoyongere ku mahoro aranga umubyezi
Bityo uwaganyye ishuli ntazaganyye inshuti.
Kwigishwa wowe wanywanye n'ububwa
Bigatumu utera abandi urubwa
Ukifuzo kurega n'ubwo wazigwa
Ukabakubanyanya bakakwinubwa

Ukoze mu mahoro ahembwa mu mahoro.
Kuhinzi muvorozi arakureba cyane
Arakureba ko ureka abandi bagahinga
Jyike utarengeruye uba ugera meza
Niyi udateye omu omiteje itarera
Ngo utere inzara umuturanyi
Ubuho uba umuhaye amahoro meza
Amahoro meza atameza urwango
Ahu buho ameza imyaka ikera
Uyahingamo asarurana ibyishimo
Ugashimisha abawe n'abaturanyi bose
Ny'aya amahoro y'umuhinzi wese
Naze amasangwabutaka ahabasanganya
Aka dusasanganya tugasangira.
Nyamara ntamubonye ubura ikigolizi
Wowe ukora muri hoteli ugoreka umurongo
Jyike iseseme ikurusha uburemere
Ubonye abakuganye bakuganyira
Ukabareba igitsure utabahatse
Bakagitarango niyo ndoro yawe
Ku byutuli ali ukubabura amahoro

Ntura byaro aliko warabyawe
Abakabye ubakano kibyezi
Ubashime bagushimisha
We kuba umucamshuro muli bo
Ntuzitwe umushumba mubi bibaho
Bamenyere ubugenge n'ubwenge
Nturushye ababyeyi. babo
Wihangamire n'abarezi bakuru
Maze abana bakurire muli uwo murika
Ube ukoreye ejo, hazagze hasa neza.
Hwigishwa mbwira kimagiza amasomo
We gukimisha abisomera inyuguti
Nibakugira inama uyibagire
Ubagilire ishyali lida semya
Ili lituma ugira umutima amuriza
Wzaturwamo n'amahoro oneza.
Wowe wihaye Imana bite byawe
Amahoro ay'inyuma urayatumze
Nkunda kubona umuenyura
Ay'umutima urayatumze?
Sinabihamya habwira n'Imana
Ntabe ay'inyuma utazashwarwa

Nawe utera amahane mu ishyamba hamwe
wanga amahoro

Nuliya wambura abashyamba
yanga amahoro

Nanjye ubuza abandi kwiga
nanga amahoro

Namwe umunywa ibiyobyabwenge
mwanga amahoro

Nabaliya baronda amoko
banga amahoro

Natwe dukunda imirwano
twanga amahoro

Rubwiruko twikwanga amahoro tuyabyinire

Nidukunda amahoro turahungira bike

Aho uzajya uzakirwa mu mahoro

i Kigali uzalya ubugali mu mahoro

i Gitarama uzataramara mu mahoro

i Butare uzerekwa ubutare mu mahoro

i Gikongoro uzafata inkongoro mu mahoro

i Cyangugu uzagera ingu mu mahoro

Ku Kibuye uzubakisha amabuye mu magomoke

Ku Gisenyi uzasigisha umusenyi mu magomoke

Mu Ruhengeri uzalimurira umuhengeri mu magomoke

i Byumba uzakabura icyumba mu magomoke

i Kibungo uzabungura mu magomoke.

Uko yungura niko yungura
yungura ubwenge bw'abigishwa
Akiyegulira ubushakashatsi mu byigwa
Aho kwiyegeta agashali mu binyobwa.
Yita ndukanye n'abo yatekuye impengeli
Ndavuye abamutera amabuye
Boye kumuca intege arambye
Avuye ko isi itagira inyiturano
Iuko aziturwa atuye ikivi
Ikivi kivuye mu banyu n'awe
Igihe batabaye ingegera mu ubwigenge
Haze ~~akaba~~ ingenzi mu ubwigenge
Zukagenda ubugenzi mu majyaombere.
Ubugenge si ubwa muwigisha gusa
Iuko na muwigishwa bagomba gusa
Iuko inyama ikaba iya muveru
Umwigishwa akakobera mu bambere
Aho akobera mu akobera ombere
Nta kuzere limwe akubwo amu na limwe

Na muganga uwera imvune nyinshi
Wumbura amajyambere mu ngufu uyirishi
Ibivumbikiye bituma havumburwa byinshi
Ibivumbiwe bikagabanya amavumane.

Kujyambere si ukumenya indwara

Ahubwo kujiliinda abarwayi

Ubashyira mu ishuli ry'isuku.

Kuvuzi wirangara mu ubuvuzi

Uwubura kimini y'imvuburayi

Uwubura kimini mu mururumba

Haze twivuze igiti cyi Rwanda

Zwoye kwanduranyaga n'amahanga

Zurundarunde umutungo dutunze

Ngayo amajyambere twa muganga.

Ubuho buvumbuzi buva mu ishuli

Iki cyigishwa n'umwigisha

Umwigisha ukomoko y'amajyambere

Nkuko abamugannye babihamye.

Ntabe Nyakamwe kuko ota mugabo umwe
Agasangira n'abandi amasomo amwe
Haze mu kujyambere aka beza
Akamemye iby'abandi adasize nibyacu
Amemye agisandere ataretse na Ndoli
Niyoye amajyambere mu bigishwa
Abibo bana ba kajyambere.
Wihaye Inama utaretse amajyambere
Roho ijya mbere ili mu mubili mwiza.
Ukunda uruburuko wabyaye buroho
Ntiwifuzako barokama mu ubujiji
Ukabajijura ngo batajijirwa
Komeza icyo njishyirye amajyambere.
Humyamubonye icyo amugiyemo imbere
Imubonye y'indi irabigamye
Ijyiraye kugamye ku majyambere
Ntukabemurira icyo amajyambere
Kuko aho ushinze niho shingiro byayo.
Kusilikali ushinze n'amajyambere
Amahoro arahindana ugahindana isuka
Ugahindana umuhimi w'ikaramu
Ko muzindi ntera udatetereza
Umusaruro uruyemo ugatunga bese
Ijyiraye kugamye mbere muri byose.
Niyoye ushatse amahoro hashe inzira y'amahoro hose
Ikiya igihogere nk'umuhoro ni intambwe
Intambwe itujyana ku majyambere.
Na humyakazi akakurungamira

Makore yijijisha akoreza ijisho
Akubwo akoreze injishi y'amajyambere
Abunabwa abujishe kwa Nyamuzinda
Rwanda yanduruke aho kwandara
Abundi handara udashyira mu nda.
Muhinzi yemuye kudutungira inda
Akimya ibyera neza aho atuye
Atibagire ibyera umusaruro muvinski
Akamabika ifumbire nyinshi
Izuka ikarwanya isuli mu mulima
Yanga ko Rwanda iterwa na Rwanda
Shindera umusore umusega n'inkumi ingumba
Ngayo amajyambere Ngofere agomba isi.
Abiyigoma dushimye O.N.U na H.R.N.D.
Zatwibutse zikatwibutse bitatu
Ko gufashanya bituli mu maraso
Ko amahoro aduhora mu mutima
E ko amajyambere atugenda mu buenge.
Zurakemuye aho turacyakemuye inkunga.
Abiyigoma tuyikorere tutayikya gusa.
Rubwiruko turambane n'ababyeyi
Rubwiruko turambane n'urubyaro
Huri ugufashanya amahoro n'amajyambere.